d Parquet Butare 12.9.78

NKEBESHA Narcisse
Utuye i Simbi
Cellule Mpanda
Secteur Simbi
Komini MARABA
B U T A R E.-

Simbi,kuwa 24 Kanama 1978

Nyakubahwa Bwana Prokireri wa Republika
K I G A L I

A traiter par
Date entrée : 8-9-78
No Classement : 11149/78

Nyakubahwa Bwana Prokireri,

Mbandikiye iyi baruwa mbatakambira kubera akarengane ngilirwa na suprefe RWAMABONDO ngo mukoreshe ubushobozi mufite maze mumpeshe ibyo natsindiye.

Muby'ukuli naburanye n'umugore witwa MUKAMABANO C. urubanza n° R.C.A. 4741/123 tuburana UMULIMA wanjye nali naratije Padri Rwahunde abinsabye ngo abe amushingiyemo umuganda kuko yali aje amuhungiyeho ali impunzi nyuma uwo mupadri aza kunsubiza umulima wanjye nali namushingiyemo umuganda kuko ntali narawumweguliye Mukamabano yanga kuvamo mbibonye ntyo ndamurega ndabimutsindira.Aliko kubera ko ashyigikiwe n'umusuprefe witwa RWAMABONDO yanga kubivamo nsabye Bourgmestre wa Komini Maraba ngo andangilize urubanza nk'uko Urukiko rwali rwabimutegetse Rwamabondo aramubuza ndetse anamutwara impapuro (extrait d'arrêt) zose yagombaga kurangilizaho urubanza n°RCA 4741/123 rwakijijwe n'Urukiko rw'Ubujulire rw'i Nyabisindu kuwa 23 Ukuboza 1977.Nkibaza impamvu ntarangilizwa urubanza kandi uwo mugore atigeze abona ihagalika-rubanza ngo abe aliryo bitsitsaho;najya kubaza Prefe wa Butare,suprefe Rwamabondo yambona ntungutseyo agasohoka mu biro akanyirukana ngo ibyanjye birazwi nimve aho,ntatume mbonana n'uwo nshaka.
Lero nabuze aho nabaliza ibyo natsindiye , Umuntu ngira ibyago, ejobundi uwo Rwamabondo yanteje IBJ w'i Butare ngo amfunge yitwaza ngo naba naratutse Mukamabano C. Ngeze kwa IBJ,musobanuliye asanga ali amatiku ya Rwamabondo na Mukamabano arandeka ndataha (nabajijwe kuwa 31/07/78),ubwo asanga nta nkoni nigeze kumukubita cyangwa se ngo murye urwara,emwe nta n'umugabo yerekanaga waba warabonye mukubita. Habe n'umwe yabonye wampanya icyo cyaha cyo gukubita,uko mubizi umuntu atonganira n'undi ku musozi ntihagire umwumva ngo atabare ?
Maze rero Nyakubahwa Bwana Prokireri,ndasaba ko mwampesha amahoro maze mukambuliza Rwamabondo kuguma kuntoteza,ko kandi mwakora uko mushoboye mukandangiliza icyo mbasaba cyo kumpesha utwanjye nk'uko amategeko abimpera uburenganzira.Byashoboka irangiza ry'urwo rubanza mukalishinga umuhesha w'Inkiko (Huissier ) wa Parke y'i Butare akaba aliwe undangiliza urwo rubanza,Rwamabondo yabujije kurangizwa nkaho aliwe utanga ihagalika-rubanza.Ndareba ngasanga ntaho Bourgmestre yanyura ngo arurangize kuko abigize yakwiteranya na Suprefe Rwamabondo umutegeka.
Ndasaba kandi abo nohereje kopi y'iyi baruwa yanjye kumfasha kubona ibyanjye kandi bakanyingingira Rwamabondo akampa agahumeko byibura k'umunsi umwe,bitaba bigenze bityo ndabarenganye.

... . / . ...

Bityo rero Babyeyi nkaba mbisunze ngo munkure mu karengane nshyirwamo na Suprefe RWAMABONDO, byashoboka mukikorera anketi y'ibi mbandikiye maze mukamumbaliza icyo anziza, nkaho ntagomba najye kubona amahoro nk'uko Umubyeyi wacu Nyakubahwa Prezida wa Republika yayaharaniye akayaduha twese abavuka-Rwanda.
Nilingiye umutima wa Kibyeyi muzasuzumana aka kababaro mfite.

Mugire amahoro mu milimo mushinzwe.

BIMENYESHEJWE :

- Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika akaba na Prezida fondateur wa M.R.N.D.
  K I G A L I.-
- Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  K I G A L I.-
- Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubucamanza
  K I G A L I.-
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  B U T A R E.-

Nijyewe NKEBESHA Narcisse.-

Nkebesha Narcisse